



Our Ref: ...97|ext|cs|csd|2024

Date: ...26.01.2024

Your Ref:

Amabwiriza agendanye n'imikorere y'abafatanyabikorwa ba Gasutamo

Hashingiwe ku ngingo ya 145 n'iya 147 z'Itegeko rigenga imikorere ya za Gasutamo z'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba;

Hashingiwe kandi ku myanzuro y'inama zahuje Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro n'abafatanyabikorwa (warehouse operators, customs clearing agents, shipping agents, transporters, n'abandi);

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gitanze amabwiriza akurikira mu rwego rwo kunoza imikorere y'abafatanyabikorwa bunganira abasora muri Gasutamo muri rusange:

1. Mu kwakira ibicuruzwa aho byaguriwe, abakurikirana ibicuruzwa mu nzira y'amazi no ku butaka (shipping agents) bagomba gutegura impapuro (bill of lading na parking list) ziherekeza ibicuruzwa bakiriye, kandi zikagaragaza amakuru nyakuri y'ibicuruzwa batwaje abasora (ingano, umubare, ibiro, ubwoko bw'ibicuruzwa, inkomoko n'ibindi biranga ibicuruzwa). Izo mpapuro zigomba kuba zikozwe neza.
2. Abakurikirana ibicuruzwa bije muri "groupage" bagomba kugeza ibicuruzwa mu bubiko bugenzurwa na Gasutamo (warehouses), bagapakurura kandi bagakurikirana imitegurire y'inyandiko igaragaza ibicuruzwa byagejejwe mu bubiko (arrival notice) kuri buri muntu uri muri "groupage", kugeza iyo nyandiko ibonetse.
3. Abafatanyabikorwa bose ba Gasutamo (shipping agents, freight forwarders, transporters na Customs clearing agents,) bagomba kugirana amasezerano yanditse n'abo baha serivisi, agaragaza ikiguzi cyose cyemeranyijwe n'impande zombi, serivisi yatanzwe (harimo n'umwanya ibicuruzwa byafashe muri container) kandi ayo masezerano akagaragara mu nyandiko ziherekeza umuzigo muri Gasutamo mu gihe cy'imenyekanisha ry'umusoro.
4. Abatumiza ibicuruzwa bije muri "groupage" bashobora kwihitiramo ababunganira mu kumenyekanisha umusoro muri Gasutamo, ariko bakabanza guhabwa "laisser suivre" nuwazanye ibyo bicuruzwa kandi imenyekanisha rigendera kumpapuro zaherekeje umuzigo mu nzira y'amazi n'iyubutaka na "arrival notice" yateguve mbere yuko by'injira mu bubiko bwa gasutamo. Ibyo bikorwa habanje kubahirizwa ibikubiye mu gika cya 2. Ibivugwa muri iki gika ntibireba imyenda, inkweto, ibikapu n'amasakoshi byaje muri "groupage".

Utazubahirizaaya mabwiriza azahanwa hakurikijwe amategeko agenga imicungire ya Gasutamo

Aya mabwiriza aratangira gukurikizwa igithe ashyiriweho umukono.

Mugire amahoro.

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Komiseri Mukuru

